NIMWITEGURE IGITERO CYA MDR MU MUGI WA KIGALI

Imigambi ya Rukokoma y'iterabwoba iracyari kuri gahunda. Ishyaka MDR rirategura igitero simusiga ngo cyo "kubohoza Umugi wa Kigali". Ubu tubagezaho aya makuru, ingamba zarafashwe.

Hari umutwe w'aba JDR utegurwa gushyirwaho mu rwego rw'Igihugu wo kujya ugaba ibitero vuba kandi bikomeye aho batekereje hose. Buri Segiteri y'Umugi izafatwamo aba JDR cumi na batanu bazajya bahabwa amafaranga bihumbi bitanu (Frw 5000) byo kurya, byashira bakabaha andi kugeza igihe umugambi wabo wuzuriye. Umurimo wabo ni uguhora mu myitozo no gushaka abantu bakomeye ba MRND aho batuye.

Ubu baguze n'ibitenge bishushanyijeho KAYIBANDA byo kuzajya bambara muri iyo mirimo.

Bafite abasirikari b'abarezerviste bo kubaha imyitozo ya gisirikare.

Muri iyi minsi rero batangiye kwitoratoza bashoza urugomo buhoro buhoro ariko bashyushya imitwe y'urubyiruko rwabo.

Iryo terabwoba ryo kubohoza Umugi wa Kigali kandi ngo baba barabigiyemo inama n'abakombozi ku buryo bazafatanya gutera abayoboke ba MRND, gusahura ndetse no kubica.

Kuri gahunda bazatangirira Kacyiru ku murwanashyaka MARYGARITA mushiki wa Depite UWIMANA bakomeze i Remera n'ahandi hose mu mugi wa Kigali.

Bazakora ku buryo bamenyana kandi bajye hamwe kugirango uwo bazajya batunga agatoki bahite bamutera.

Amayeri bazakoresha ni nk'ayo bagiye bakoresha mu cyaro mu kubohoza cyangwa nk'ayo bakoresheje i Bugesera, Kibuye n'ahandi. Itsinda runaka rizajya ritera aho ritazwi kugirango batazamenyekana. Nk'aba JDR b'i Remera batere Segiteri Gitega, abo ku Gitega batere Kacyiru gutyo gutyo.

Ng'uko uko ibintu biteye muri iki gihe.
Igihe Igihugu gikora uko gishoboye ngo gikire abagitera baturutse hanze abo mu gihugu bafatanije nabo barashaka gushora intambara yo mu gihugu rwagati ngo berekane ko Inyenzi-Nkotanyi zari zifite ukuri ko gushyira igihugu cyacu mu kangaratete nk'uko.

Muribuka ukuntu iyo ntambara yayirwaye kera no gutorerwa kuyobora MDR bimuhaye uburyo.

TWAGIRAMUNGU aranze koko akomeje umugambi yashokanye kuva cyera wo gushoza imvururu mu gihugu?

Muribuka intambara yashojwe tariki ya 28 Gicurasi mu mugi nabwo bashaka guca MRND n'Interahamwe mu mugi.

None atangiye gushyira mu bikorwa ijambo yabwiye abajideri (JDR) umunsi atorwa ngo "agiye gufata ukwezi kw'ikiruhuko nyuma yako ntazongera kubona MRND n'Interahamwe" mu mugi wa Kigali. Abenshi babyise ibikino none biratinze bigiye mu bikorwa.

Ibuye ryagaragaye ntiryica isuka kandi muri MRND twemeza ko abakunda amahoro aribo benshi batazemera ko u Rwanda ruhinduka nka SOMALIYA.

M.R.N.D. * SECRETARIAT NATIONAL *

MUGIRE AMAHORO

Kigali, kuwa 16/10/1992